

# NDI NDE WATUMA **UMWAMI** AMFIRA?

Imirongo Yateranijwe
na Watson Goodman

Aka Gatabo
Gatangwa Ku Buntu

# NDI NDE?

Umuremyi wacu azi uko twitwa, kandi byose byagaragariye mw' Ijambo rye rihoraho ari na mwo tubonera "Uwo twaremewe" "Icyo twahindutse" "Aho kituyobora" n' "Uko dushobora guhinduka" tubaye twakiriye gutabara kw' Imana.

Hari bamwe batazi gutabarwa kw' Imana. Har' abandi bakuzihw' igice kandi bakaba bifuza kubaririza kugira ngo bameny' ibyako neza. Hari ba mwe kandi barwany' ibyo gutabarwa n' Imana, mu gihe abandi bakubu mbatije yombi, kandi kubwo gutabarwa bagasanga barahindukiye muri Kristo Yesu umuntu watunganirijwe ibyo gukiranuka kw' iteka.

Ubugingo bwanjye bw' iteka buba ubw' igiciro rwose ku buryo nemereye Umuremyi kuburemera muri We! N' ukuvuga ko ndamutse mwanze byatu ma ubugingo bwanjye buba imburamumaro kugez' iteka; cyangwa ndamutse mwakiriye nkamwumvira mwizeye, byatuma ambashisha gusangira nawe ingoma ye y' iteka nk' Umugeni we.

—Watson Goodman (1920-2002)

# Umugambi Ukomeye W' Imana Mu Kurema Umuntu 1

*Azabona Umugeni baban' iteka*

### Yesaya 62:5b

. . . kandi nkuk' umukw' anezererw' umugeni, ni kw Imana yaw' izakunezererwa.

### Matayo 25:1 na 6

Icyo gih' ubgami bgo mwijuru buzagerereranywa n'abakobga cumi, bajyany' amatabaza yabo, bajya gusanganir' umukwe. . . . Ariko n'ijoro mu gicuku habah' urusaku ngo, Umukw' araje! nimusohoke mumusanganire.

*Kristo ni we Mukwe*

### Yohana 3:29a

Uw' umugen' asanga ni we mukwe; kand' umuranga, iy' ahagaz' i ruhande rw'umukwe amwumva, anezezwa n'ijwi rye.

### 2 Abakorinto 11:2

Kuko mbafuhir' ifuhe ryo mu buryo bg'Imana, kuko nabakwerey' umugab' umwe, ni we Kristo, ngo mmubashyingire, mumeze nk'umwār' utunganye.

### Matayo 9:15

Yesu arabasubiz' ati: Abasangwa ntibababasha kugir' agahinda, bakiri kumwe n'umukwe; arikw imins' izaza, ubg' umukwe azabavanwamo, ni bgo bazīyiriz' ubusa.

# 2 Iyo Ni Yo Mpamvu Imana Yaremy' Umuntu Ngw' Agir' Ishusho Yayo

*Nta kindi kizima mu byaremwe cyashoboraga kwitwa Umugeni we*

Itangiriro 1:27

Imana irem' umuntu, ngw agir' ishusho yayo, afit' ishusho y'Imana ni ko yamuremye; umugabo n'umugore ni ko yabaremye.

Nk'uko yadutoranirije muri we, is' itararemwa, kugira ngo tub' abera, tutarih' umugayo imbere yayo. —Abefeso 1:4

*Gikwiriye kugiran' isano n' Imana*

. . . bikomeye cyane, kugira ngo bibatere gufatanya na kamere y'Imana. . . (2 Petero 1:4b). . . . kandi mfatanije namw' ubgiza buzahishurwa. . . (1 Petero 5:1b). . . . abaheshejwe n'ubutumwa bgiza kuzagabana natwe muri Kristo Yesu ibyasezeranijwe (Abefeso 3:6b). . . . waduhaye kuraganwa n'abera umurage wo mu mucyo (Abakolosai 1:12b). . . . ahubgo barusheho kubakorera, kukw abagirirw' uwo mumar' ar' abizera n'abakundwa (1 Timoteo 6:2b). . . . Kuko twahinduts' abafatanije Kristo, . . . (Abaheburayo 3:14a). . . . bakagabana ku Mwuka Wera (Abaheburayo 6:4b). . . . nah' uwo aduhanira kugira ngo bitubere byiza, dusangire kwera kwe (Abaheburayo 12:10b).

Itangiriro 9:6b

. . . kukw Imana yaremy' umuntu afit' ishusho yayo.

Ibyakozwe n' Intumwa 17:24a, 25b, 26a, na 27-29

Imana yaremy' isi n'ibiyirimo byose, . . . kukw ari yo yahaye bos' ubugingo no guhumeka n'ibindi byose. Kandi yaremy' amahanga yose y'abantu, . . . kugira ngo bashak' Imana, ngw ahari babashe kuyibona bakabakabye; kandi koko ntiri kure y'umuntu wese muri twe kukw ari muri yo dufit' ubugingo bgacu, tugenda, turiho; nk'uko bamwe bo mu bahimbyi b'indirimbo banyu bavuze bati: Tur' urubyaro rwayo. Nuko rero ubgo tur' urubyaro rw'Imana, ntidukwiriye kwibgira yukw Imana isa n'izahabu cyangw' ifeza cyangw' ibuye, cyangw' ikindi kibajijwe n'ubukorikori bg'abantu n'ubgenge bgabo.

*Adamu waremwe mw' ishusho y' Imana, nawe akwiriye kubengeranaho ubwiza nk' ubw'Imana*

Bitum' abatambyi batabasha guhagararamo ngo bahereze kubg'icyo gicu; kuk' ubgiza bg'Uwiteka bgari bguzuy' inzu y'Uwiteka. —1 Abami 8:11

Yesu . . . Ahindurirw' imbere yabo, mu maso he harabagirana nk'izuba, imyenda ye yera nk'umucyo. —Matayo 17:1a, 2

*Yaremwe ngw' agir' ishusho y' Imana, ali na Yo Nyir' Ukwera*

Kuko byanditswe ngo: Muzab' abera, kuko nd' uwera.
—1 Petero 1:16

*Kutumvira kwateye gutandukana*

Kandi nk'uko kutumvir Imana k'umunt' umwe kwateye kw abenshi bab' abanyabyaha, ni ko no kuyumvira k'umwe kuzatera kw abenshi bab' abakiranutsi.
—Abaroma 5:19

Kuko bose bakoz' ibyaha, ntibashyikir' ubgiza bg'Imana.
—Abaroma 3:23

*Ahindutse umunyaburiganya n' umunyabyaha*

Umutima w'umunt' urush' ibintu byose gushukana, kand' ufit' indwara, ntiwizere gukira: ni nd' ushobora kuwumeny' uk' uri?
—Yeremia 17:9

Kand' Uwiteka abona yukw ingeso z'abantu zari mbi cyane mw isi, kandi ko kwibgira kos' imitima yab' itekerez' ari kubi gus' iteka ryose. —Itangiriro 6:5

*Imana yirukanye umunyabyaha*

. . . Sinz' aho muturutse; nimumv' imbere, mwa nkozi z'ibibi mwe! —Luka 13:27b

Uko gucirwahw iteka n'uku; n' uk' umucyo waje mw isi, abantu bagakund' umwijima kuwurutish' umucyo, babitewe n'ukw ibyo bakora ari bibi. —Yohana 3:19

*Umubiri waguye mu byaha witwa uwanduye*

Yesaya 64:6

Kuko twese twahinduts' abanduye, kandi n'ibyo twakiranutse byose bimeze nk'ubushwambagara, bufit' ibizinga; twese turaba nk'ikibabi, kandi gukiranirwa kwacu kudutwara nk'umuyaga.

*Urupfu rw' iteka ruri kuri jye*

Abaroma 5:12

Kuko bimeze bityo, nk'ukw ibyaha byazanywe mw isi n'umunt' umwe, urupfu rukazanwa n'ibyaha, ni k' urupfu rugera ku banta bose, kuko bose bakoz' ibyaha.

*Naciriwehw' iteka*

Abaroma 5:18a

Nuko rero, ubg' igicumuro cy'umunt' umwe cyateye kw abantu bose bacirwahw iteka, . . .

*Ibyaha bingize imbata*

Ariko mbon' irindi tegeko ryo mu ngingo zanjye rirwany' itegeko ry'ibyaha ryo mu ngingo zanjye. —Abaroma 7:23

*Icyaha kintandukani je n' Imana*

Ahubgo gukiranirwa kwanyu ni ko kwabatandukanije n'Imana yanyu, . . . —Yesaya 59:2a

*Ndi icyigenge imbere y' Imana*

Nuko rero, umuntu wese muri tw' azīmurikir' ibyo yakoze imbere y'Imana. —Abaroma 14:12

# Ndi Nde?

*Kuko ndi mu mubiri wanduye, meze nk' ibumba, meze nk' ubwatsi n' umwotsi*

**Yesaya 64:8**

**Ariko noneh' Uwiteka uri Data wa twese, tur' ibumba, naw' ur' umubumbyi wacu; twese tur' umurimo w'intoke zawe.**

**1 Petero 1:24**

**Kuko, Abafit' imibiri bose bahwanye n'ibyatsi; Ubgiza bgabo bgose bumeze nk'uburabyo bg'ibyatsi. Ibyatsi biruma, uburabyo bgabyo bugahunguka.**

**Yakobo 4:14**

**Nyamara mutaz' ibizab' ejo. Mbes' ubugingo bganyu n' iki? Mur' igihu kibonek' umwanya muto, kigaherako kigatamuka.**

*Nshobora kugir' ubugingo budapfa kandi buhoraho muri Kristo*

**Yohana 11:26**

**Kand' umuntu wes' ukiriho unyizera, ntazapf' iteka ryose. Mbese wizey' ibyo?**

**1 Yohana 5:10, 11**

**Uwizer' Umwana w'Imana ab'afit' uko guhamya muri we: nah' ūtizer' Imana ab'ayis' umunyabinyoma, kukw atemey' iby' Imana yahamije ku Mwana wayo. Kand' uko guhamya n' uku, n' ukw Imana yaduhay' ubugingo buhoraho, kand' ubgo bubingo bubonerwa mu Mwana wayo.**

Mwa marembo mwe, nimwunamuke, Mwa marembo y'iteka mwe, nimweguke, kugira ng' Umwami w'icyubahiro abyukuruke. Uwo Mwami w'icyubahiro ni nde? N' Uwiteka, ufit' imbaraga n'amaboko, n' Uwiteka, ufit' amaboko yo kurwana. Mwa marembo mwe, nimwunamuke, Mwa marembo y'iteka mwe, nimweguke, kugira ng' Umwami w'icyubahiro abyukuruke. Uwo Mwami w'icyubahiro ni nde? Uwiteka nyir'ingabo ni we Mwami w'icyubahiro. Sela. —Zaburi 24:7-10

...kugeza ku kuboneka k'Umwami wacu Yesu Kristo, ... ihiriwe, ni yo Mwami w'abami, n'Umutwar' utwar' abatware, ni yo yonyin' ifite kudapfa, iba mu mucy' utegerwa; nta muntu wigeze kuyireba, kandi nta wabasha kuyireba. Icyubahiro n'ubutware budashira bib' ibyayo, Amen.
—1 Timoteo 6:14b, 15b, 16

*Uwo Mwami azatwar' isi yose*

Kand' uwo munsi amazi y'ubugingo azav' i Yerusalemu, amazi amw' azatembera mu nyanja y'iburasirazuba, ayand' azatembera mu nyanja y'iburengerazuba. Bizaba bityo mu cyi no mw itumba. Kand' Uwiteka azab' Umwami w'isi yose; uwo munsi Uwiteka azab' umwe, n'izina rye rizaba rimwe. —Zekeria 14:8, 9

### Yohana 18:36, 37

Yesu aramusubiz' ati: Ubgami bganjye s' ubg'iyi si; iyab' ubgami bganjye bgar' ubg'iyi si, abagaragu banjye baba barwanye, ngo ndahabg' Abayuda: ariko noneh' ubgami bganjye s' ubg'ino. Pilato ramubaz' ati: Noneho ga, ur' umwami? Yesu aramusubiz' ati: Wakabimenye, ko nd' umwami. Iki ni cyo navukiye; kandi ni cyo cyanzanye mw isi, n' ukugira ngo mpamy' ukuri: uw'ukuri wese yumv' ijwi ryanjye.

### Mariko 14:61, 62

Arīhorera, ntiyagir' icy' amusubiza. Umutambyi mukuru yongera kumubaz' ati: Mbese ni wowe Kristo koko, Umwana w'Imana idahinyuka? Yesu aramusubiz' ati: Ndi we; kandi muzabon' Umwana w'umuntu yicay' i buryo bg'ubushobozi bg'Imana aje ku bicu byo mw ijuru.

### Matayo 25:31 na 34

Umwana w'umunt' ubg' azazana n'abamaraika bose, afit' ubgiza bge, ni bg' azicara ku ntebe y'ubgiza bge: . . . Maz' umwam' azabgir' abar' i buryo bge, ati: Nimuze mwebg' abo Data yahay' umugisha, muragw' ubgami bgabatunganirijwe, uhereye ku kuremwa kw'isi.

Abaheburayo 1:8

Arikw iby'Umwana wayo byo yarabyeruy' iti: Intebe yawe, Mana, n' iy'iteka ryose; Inkoni y'ubugabe bgawe n' inkoni yo gukiranuka.

Danieli 4:37

None jyewe Nebukadineza ndashimish' Umwami wo mw ijuru, ndamusingiza, ndamwubaha; kukw imirimo ye yos' ar' iy'ukuri, kand' inzira ze ar' izigororotse; arikw abibone abasha kubacisha bugufi.

Matayo 18:3, 4

Arababgir' ati: Ndababgir' ukuri yuko, ni mudahinduka ngo mumere nk'abana bato, mutazinjira mu bgami bgo mw ijuru. Nuk' ūzicisha bugufi nk'uyu mwana muto, ni we mukuru mu bgami bgo mw ijuru.

...Ubgami bg'isi bubay' ubg'Umwami wacu n'ubga Kristo we, kand' azahora ku ngom' iteka ryose. —Ibyahishuwe 11:15b

Abefeso 1:18, 19

Ngw amaso y'imitima yany' abon' ukw ahweza, mumeny' ibyo mwiringizwa n'Iyabahamagaye; mumenye n'ubutunzi bg'ubgiza bg'iby' azarag' abera; mumenye n'ubginshi bg'imbaraga zayo butagir' akagero, iz' iha twebg' abīzeye, nk'ukw imbaraga z'ububasha bgayo bukomeye ziri.

Yohana 17:2

Nk'uko wamuhay' ubutware ku bantu bose, kugira ngw abo wamuhaye bose abah' ubugingo buhoraho.

1 Petero 3:22

Ur' i buryo bg'Imana, kuko yagiye mw ijuru, amaze guhabga gutwar' abamaraika n'abafit' ubutware n'imbaraga.

Abefeso 1:20-23

Izo yakoreye muri Kristo, ubgo yamuzuraga mu bapfuye, ikamwicaz' i buryo bgay' ahantu ho mw ijuru, imushyize hejuru y'ubutware bgose n'ubushobozi bgose, n'imbaraga zose, n'ubgami bgose, n'izina ryose rivugwa, uretse mur'iki gihe gusa, ahubgo no mu bihe bizaza. Kandi yamuhaye gutwara byose, ibishyira munsi y'ibirenge bye, imuh' Itorero ngw ab' umutwe waryo usumba byose, na ryo rib' umubiri we ushyitse kand' ushyikirwamo na byose.

Yohana 2:24, 25

Ariko Yesu ntiyabiringira, kuko yar'az' abantu bose. Ntiyagombaga kubgirw' iby'abantu, kuk' ubge yar'az' ibibarimo.

Jyewe mbe muri bo, naw' ube muri jye, ngo bab' umwe rwose, ngw ab'isi bamenye kw ari wowe wantumye, ukabakunda nk'uko wankunze. —Yohana 17:23

Umwana w'Intama watambge ni w' ukwiriye guhabg' ubutware n'ubutunzi n'ubgenge n'imbaraga no guhimbazwa n'icyubahiro n'ishimwe. —Ibyahishuwe 5:12b

Ariko kuri twe harihw Imana imwe, ni yo Data wa twese, ikomokwamo na byose, ari yo natwe dukesha byose: kandi harih' Umwami umwe, ni we Yesu Kristo, ubeshaho byose, natwe akatubeshaho. —1 Abakorinto 8:6

Kugira ngw imitima yab' ihumurizwe, ubgo bafatanirije hamwe mu rukundo, ngo bahabg' ubutunzi bgose bgo kumenya neza mu mitima yabo, bameny' ubgiru bg'Imana, ni bgo Kristo. Muri we ni mw' ubutunzi bgose bg'ubgenge no kumenya bgahishwe. —Abakolosai 2:2, 3

Nuko Yesu arabegera, avugana na bo, ati: Nahaw' ubutware bgose mw ijuru no mw isi. —Matayo 28:18

Ariko ku bahamagawe b'Abayuda n'Abagiriki ni Kristo; ni we mbaraga z'Imana kandi n'ubgenge bgayo. —1 Abakorinto 1:24

Turagushimye, Mwami Imana ishobora byose, iriho kandi yahozeho, kand' izahoraho; kuko wenz' ubushobozi bgawe bukomeye, ukīma. —Ibyahishuwe 11:17

Zaburi 72:8 na 11

Azatwar' ahereye ku nyanja, ageze ku yindi nyanja, Kand' ahereye kuri rwa Ruzi, ageze ku mpera y'isi. . . . Abami bose bazamwikubit' imbere, Amahanga yos' azamukorera.

Zaburi 2:2-4 na 6-8

Abami bo mw isi bīteguye kurwana, kand' abatware bagiriy' inama uwiteka n'Uwo yasīze; Bati, Reka ducagagur' ibyo batubohesheje, tujugunye kure ingoyi batubohesheje. Ihora yicaye mw ijur' izabaseka: Umwam' Imana izabakoba. . . . Iti: Ni jye wimikiy' umwami wanjye Kuri Sioni, umusozi wanjye wera. Ndavuga rya tegeko. Uwiteka yarambgiy' ati: Ur' Umwana wanjye, uyu munsi ndakubyaye. Nsaba, nzaguh' amahanga, ngw ab' umwandu wawe.

Yeremia 10:7 na 10a

Ni nd' udakwiriye kukūbaha, Mwami w'amahanga we? Ko bigukwiriye; kuko mu banyabgenge bo mu mahanga bose no mu bgami bgabo bgose, nta uhwanye nawe. . . . Arik' Uwiteka ni we Mana nyamana; n' Imana ihoraho n' Umwami w'ibihe byose.

Nd' Uwiteka; ni ryo zina ryanjye, icyubahiro cyanjye sinzagih' undi, n'ishimwe ryanjye sinzarih' ibishushanyo bibajwe.
—Yesaya 42:8

Kuk' Uwiteka ar' Imana ikomeye, N' Umwam' ukomeye usumb' ibigirwamana byose.
—Zaburi 95:3

Ubgo ni bg' ikimenyetso cy'Umwana w'umuntu kizabonekera mw ijuru, n'amoko yose yo mw isi ni bg' azaboroga, abony' Umwana w'umunt' aje ku bicu byo mw ijuru, afit' ubushobozi n'ubgiza bginshi. —Matayo 24:30

Mwami wacu, Mana yacu, ukwiriye guhabg' icyubahiro no guhimbazwa n'ubutware koko, kukw ari wowe waremye byose. Igituma biriho, kand' icyatumye biremwa, n' uko wabishatse.
—Ibyahishuwe 4:11

Umwami nyir' ibihe byose, udapfa, kand' utaboneka, ni we Mana imwe yonyine, ihimbazwe, kand' icyubahiro kib' icyayo iteka ryose, Amen. —1 Timoteo 1:17

*Asangiye n' Umugeni we icyubahiro cye*

. . . ngo bab' umwe nk'uko natwe tur' umwe. —Yohana 17:22b

Mbonye yukw imibabaro y'iki gihe idakwiriye kugereranywa n'ubgiza tuzahishuririrwa.
—Abaroma 8:18

Yesaya 9:7a

Gutegeka kwe n'amahoro bizagwirira ku ntebe ya Dawidi n'ubgami bge.

Yesaya 45:9a, 10, na 13a

Utongany' Iyamuremye azabon' ishyano, kandi ar' urujyo mu zindi njyo z'isi. . . . Azabon' ishyan' ūbaza se, ati: Urabyar' iki? akabaza nyin' ati: Utwit' iki? Uwiteka Uwera w'Isiraeli, Umuremyi we, arabaz' ati: Mbese mwangish' impaka z'ibizaza, mukantegeker' iby'abahungu banjye, n'ibyo nkoresh' intoke. Naremy' isi, nyiremeramw abantu; ijuru, nararyibambiye n'intoke zanjye, n'ingabo zaryo zose ndazitegeka. Mpagurukishije Kuro gukiranuka, kandi nzatungany' inzira ze zose.

Danieli 7:14

Nukw ahabg' ubutware n'icyubahiro n'ubgami, kugira ngw abantu b'amoko yose y'indimi zitari zimwe bajye bamukorera. Ubutware bge n' ubutware bg'iteka ryose butazashira; kand' ubgami bge n' ubgami butazakurwaho.

*Reka yime ingoma ye!*

Zaburi 72:11

Abami bose bazamwikubit' imbere, Amahanga yos' azamukorera.

*Iby' urupfu rwe no kuzuka kwe n' aho byabereye byari byarahanuwe*

Matayo 20:18, 19

Dore, turazamuka tujy' i Yerusalemu, Umwana w'umunt' azagambanirwa mu batambyi bakuru n'abanditsi, bamucir' urubanza rwo kumwica, bazamugambanira mu bapagani bamushinyagurire bamukubit' imikoba bamubambe; ku munsi wa gatat' azazurwa.

*Icyaha cyabaye icyago imbere y' Imana ku buryo kigomba guhabwa Uwo Muti*

1 Petero 3:18

Kuko na Kristo yababarijw' ibyaha by'abantu rimwe, umukiranuts' ababarizw' abakiranirwa, kugira ngw atuyobore ku Mana, amaze kwicwa mu buryo bg'umubiri, arikw ahinduwe muzima mu buryo bg'umwuka.

. . . Mwami wacu Yesu Kristo, witangiy' ibyaha byacu, ngw aturokor' iki gihe kibi cya none, nk'ukw Imana Data wa twese yabishatse. —Abagalatia 1:3b, 4

Iki ni cyo kitumenyesh' urukundo icy' ari cyo, n' uko Yesu yatanz' ubugingo bge kubgacu . . . . —1 Yohana 3:16a

Ijambo ry'umusaraba ku barimbuka n' ubupfu; ariko kuri twebg' abakizwa, n' imbaraga z'Imana. —1 Abakorinto 1:18

Ariko none kuko muri muri Kristo Yesu, mwebg' abāri kure kera, mwigijwe hafi n'amaraso ya Kristo. —Abefeso 2:13

Nuko. . . . ubgo dufit' ubushizi bg'ubgoba bgo kwinjizw' Ahera cyane n'amaraso ya Yesu, tunyuze mu nzira yaduciriye nshya kandi y'ubugingo . . . .
—Abaheburayo 10:19, 20a

. . . imuzurishij' amaraso y'isezerano ry'iteka ryose.
—Abaheburayo 13:20b

. . . Dore ndashyira muri Sioni ibuye rikomez' imfuruka, ryatoranijwe, kandi ry'igiciro cyinshi, Kand' ūryizera ntazakorwa n'isoni. Nuko rero, mwebg' ubgo mwizeye. —1 Petero 2:6b, 7a

Kand' imaze kuzanish' amahoro amaraso yo ku musaraba we . . . . —Abakolosai 1:20a

. . . kandi watwejeshejehw ibyaha byac' amaraso ye.
—Ibyahishuwe 1:5b

Kand' uzi yuk' uhereye mu buto bgawe wamenyag' ibyanditswe byera bibasha kukumenyesh' ubgenge bgo kukuzanir' agakiza gaheshwa no kwizera Kristo Yesu. —2 Timoteo 3:15

*Umukwe arashaka Umugeni we*

Kand' Umwana w'umuntu yazanywe no gushaka no gukiz' icyari cyazimiye. —Lūka 19:10

# Kristo Yanesheje Urupfu Rwa Kabiri Na Gehinomu Kugira Ngo Nanjye Abinkuremo, Ankize 

*Nari nkwiriye gucirw' urubanza rwo gupf' iteka*

Ezekieli 18:4b

. . . ubugingo bukor' icyaha ni bgo buzapfa.

Abaroma 5:12

Kuko bimeze bityo, nk'ukw ibyaha byazanywe mw isi n'u-munt' umwe, urupfu rukazanwa n'ibyaha, ni k' urupfu rugera ku bantu bose, kuko bose bakoz' ibyaha.

Abaroma 6:23a

Kukw ibihembo by'ibyaha ar' urupfu . . . .

*Nanesherejwe urupfu*

Nuko ntukagir' isoni zo guhamy' Umwami wacu, cyangw' izanjye, imbohe ye. Ahubg' ufatanye nanjye kurenganyirizw' ubutumwa bgiza, ufashijwe n'imbaraga z'Imana, yadukijije, ikaduhamagara guhamagara kwera, itabitewe n'imirimo yacu, ahubg' ibitewe n'uko yabigambiriy' ubgayo, no kubg'ubuntu bgayo twaherewe muri Kristo Yesu uhereye kera kose, ariko none bukaba bgarerekanywe no kuboneka k'Umukiza wacu Kristo Yesu, wahinduy' urupf' ubusa, akerekanish' ubugingo no kudapfa ubutumwa bgiza. —2 Timoteo 1:8-10

# 18 Umwami Yatanze Agakiza Ku Buntu Agaha Bose Bagashakan' Umutima Wose

1 Abakorinto 15:3b

. . . yuko Kristo yapfiriy' ibyaha byacu, nk'uko byari byanditswe.

Ibyakozwe n'Intumwa 20:28b

. . . kugira ngo muragir' Itorero ry'Imana, iryo yaguz' amaraso yayo.

Yohana 10:11

Ni jye mwungeri mwiza. Umwungeri mwiz' apfir' intama ze.

2 Abakorinto 5:15

Kuko twemejwe yuko nk'uk' Umwe yapfiriye bose, ari ko bose bapfuye; kandi yapfiriye bose kugira ngw abariho bē gukomeza kubaho kubgabo, ahubgo babeho kubg'uwo wabapfiriye, akanabazūkira.

Ibyakozwe n'Intumwa 10:43

Abahanuzi bose baramuhamije, bavuga yuk' ūmwizera wese azababarirw' ibyaha kubg'izina rye.

2 Petero 3:9

Umwami Imana ntitinz' isezerano ryayo, nk'uko bamwe batekereza kw iritinza. Ahubg' itwihanganira, idashaka ko hagira n'umw' urimbuka, ahubg' ishaka ko bose bīhana.

Yeremia 29:13

Muzanshaka mumbone, ni munshakan' umutima wanyu wose.

Zaburi 45:6, 7a

Mana, intebe yawe n' iy'iteka ryose: Inkoni y'ubugabe bgawe n' inkoni y'ūtwar' agororoka. Wakunze gukiranuka, wanz' ibyaha . . .

1 Abakorinto 6:9a

Ntimuzi yukw abakiranirwa batazaragw' ubgami bg'Imana?

Abaroma 8:5-9

Abakurikiz' ibya kamere y'umubiri, bīta ku by'umubiri; nahw abakurikiz' iby'umwuka, bakīta ku by'umwuka. Umutima wa kamere uter' urupfu, arik' umutima w'umwuka uzan' ubugingo n'amahoro: kuk' umutima wa kamere ar' umwanzi w'Imana, kuk' utumvir' amategeko y'Imana, ndetse ntushobora kuyumvira. Erega bury' abari mu butware bga kamere ntibashobora kunezez' Imana. Ariko mwebge ntimur' aba kamere, ahubgo mur' ab'umwuka, nib' Umwuka w'Imana aba muri mwe. Arik' umuntu wes' utagir' Umwuka wa Kristo, ntab'ar' uwe.

Yakobo 4:4

Yemwe basambanyi, namwe basambanyikazi, ntimuzi yuk' ubucuti bg'iby'isi butera kwangwa n'Imana? Nuko rer' umuntu wes' ushaka kub' inshuti y'iby'isi, aba yihinduy' umwanzi w'Imana.

### Imigani 28:13

Uhish' ibicumuro bye ntazagubga neza; Arik' ubyatur' akabireka, azababarirwa.

### 1 Yohana 4:16

Natwe twamenye kandi twizey' urukund' Imana idukunda. Imana n' urukundo, kand' ūguma mu rukundo, aguma mu Mana, Imana ikaguma muri we.

### Yohana 1:12

Icyakor' abamwemeye bose, bakizer' izina rye, yabahay' ubushobozi bgo kub' abana b'Imana.

### Yohana 13:20b

...kand' ūnyemera, aba yemeye n'Uwantumye.

### Ibyakozwe n'Intumwa 8:36, 37a

Bakigenda mu nzira bagera ku mazi, iyo nkone iramubaz' iti; Dor' amazi, ikimbuza kubatizwa n'iki? Filipo arayisubiz' ati: Niba wizeye mu mutima wawe wose, birashoboka.

### 1 Abakorinto 2:5

Kugira ngo kwizera kwanyu kudahagararira ku bgenge bg'abantu, ahubgo mu mbaraga z'Imana.

### Yohana 8:31

Nuko Yesu abgir' Abayuda bamwemeye, ati: Ni muguma mw ijambo ryanjye, mur' abigishwa banjye nyakuri.

### Abefeso 3:19

Mumenye n'urukundo rwa Kristo rurut' uko rumenywa; ngo mwuzuzwe kugeza ku kūzura kw'Imana.

### Abaroma 8:10

Niba Kristo aba muri mwe, nubg' umubiri ub'upfuye uziz' ibyaha, umwuka ub'uri muzima kubgo gukiranuka.

### Yohana 10:26-28

Ariko ntimwizera, kuko mutar' abo mu ntama zanjye. Intama zanjye zumv' ijwi ryanjye, nanjye ndazizi, kandi zirankurikira. Nzih' ubugingo buhoraho, kandi ntizizarimbuka na hato iteka ryose, kandi nta uzazivuvunura mu kuboko kwanjye.

### 2 Timoteo 1:12

Ni cyo gituma mbababazwa ntya, nyamara singir' isoni, kuko nz' uwo nizey' uw' ari we, kandi nzi neza yukw abasha kurind' ikibitsanyo namubikije, kugeza kur' urya munsi.

### 1 Petero 4:19

Nuko rero, abababazwa nk'ukw Imana ibishaka, nibabitse uwo Muremyi wo kwizerw' ubugingo bgabo, bagumye bakora neza.

## 22 Kubwo Kubyarwa Ubwa Kabiri, Mfit' Umudendezo Wo Gukorer' Imana

Ni nd' unesh' iby'isi, kerets' uwizera yuko Yesu ar' Umwana w'Imana? —1 Yohana 5:5

Abo ntibabyawe n'amaraso, cyangwa n'ubushake bg'umubiri, cyangwa n'ubushake bg'umugabo; ahubgo babyawe n'Imana. —Yohana 1:13

Namwe muzameny' ukuri, kand' ukuri ni ko kuzababātūra.... Nuk' Umwana n' ababātūra, muzaba mubātūwe by'ukuri. —Yohana 8:32 na 36

Nuko rer' Umwami ni we Mwuka: kand' ah' Umwuka w'Umwami ari, ni ho hab' umundendezo. —2 Abakorinto 3:17

Abaroma 6:18 na 22

Maze, mubātuwe ku byaha, muhinduk' imbata zo gukiranuka.... Ariko noneho, ubgo mwabātuwe ku byaha, mukab' imbata z'Imana, mwifitiy' imbuto zanyu, ari zo kwezwa, kand' amaherezo yanyu n' ubugingo buhoraho.

Abagalatia 5:1

Ubgo Kristo yatubaturiye kub' ab'umudendezo; nuko muhagarare mushikamye, mutacyongera kubohwa n'ububata.

Ibyakozwe n'Intumwa 22:15

Kuk' uzab' umugabo we wo guhamiriz' abantu bose ibyo wabonye n'ibyo wumvise.

Ibyahishuwe 1:5b, 6

. . . kandi watwejeshejehw ibyaha byac, amaraso ye, akaduhindur' abami n'abatambyi b'Imana ye, ni yo na Se: icyubahiro n'ubutware bib' ibye, iteka ryose; Amen.

1 Abakorinto 6:9-11

Ntimuzi yukw abakiranirwa batazaragw' ubgami bg'Imana? Ntimwishuke; abahehesi, cyangw' abaseng' ibishushanyo, cyangw' abasambanyi, cyangw' ibitingwa, cyangw' abagabo bendana, cyangw' abajura, cyangw' abīfuza, cyangw' abasinzi, cyangw' abatukana, cyangw' abanyazi; ben' abo ntibazaragw' ubgami bg'Imana. Kandi bamwe muri mwe mwari nk'abo: ariko mwaruhagiwe, mwarejejwe, mwatsindishirijwe n'Umwuka w'Imana yacu mw izina ry'Umwami Yesu Kristo.

Ntimuzi yukw abera bazacir' ab'isi urubanza?
—1 Abakorinto 6:2a

Kand' uzab' ikamba ry'ubgiza ririmu ntoke z'Uwiteka, n'igisingo cy'ubgami kiri mu ntoke z'Imana yawe. —Yesaya 62:3

*Gushyirwa hejuru mu mwanya w' icyubahiro*

Ngo bose bab' umwe, nk'uk' uri muri jye, Data, nanjye nkaba muri wowe, ngo na bo bab' umwe muri twe. —Yohana 17:21a

Yesaya 43:2

N'unyura mu mazi nzaba ndi kumwe nawe; n' uca no mu migezi, ntizagutembana; n' unyura mu muriro ntuzashya, kand' ibirimi byawo ntibizagufata.

Yohana 17:23

Jyewe mbe muri bo, naw' ube muri jye, ngo bab' umwe rwose, ngw ab'isi bamenye kw ari wowe wantumye, ukababakunda nk'uko wankunze.

2 Abakorinto 6:16

Mbes' urusengero rw'Imana rwahuza rute n'ibishushanyo bisengwa, ko tur' urusengero rw'Imana ihoraho? nk'ukw Imana yabivuz' iti: Nzatura muri bo, ngendere muri bo; Nzab' Imana yabo, na bo bazab' ubgoko banjye.

Zaburi 145:18

Uwiteka aba hafi y'abamutakira bose, abamutakira mu byukuri bose.

1 Yohana 1:3b

. . . kuk' ubgacu dufatanije na Data wa twese n'Umwana we Yesu Kristo.

1 Petero 4:13

Ahubgo munezezwe n'uko mufatanij' imibabaro ya Kristo, kugira ngo muzanezerwe mwishima bihebuje, ubg' ubgiza bge buzahishurwa.

Yohana 14:20

Uwo munsi muzamenya ko ndi muri Data, namwe mukaba muri jye, nanjye nkaba muri mwe.

Yohana 15:5

Ni jye muzabibu, namwe mur' amashami. Uguma muri jye, nanjye, nkaguma muri we, uwo ni we wer' imbuto nyinshi, kukw ari nta cyo mubasha gukora mutamfite.

*Itegeko rye riheruka ni ryo tugomba kubanza kumvira*

Ibyahishwe 22:17a

Umwuka n'umugeni barahamagara bati: Ngwino.

Matayo 28:19, 20

Nuko mugende muhindur' abantu bo mu mahanga yos' abigishwa, mubabatiza mw izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka Wera: mubigisha kwitonder' ibyo nababgiye byose. Kandi dore ndi kumwe namw' iminsi yose, kugeza ku mperuka y'isi.

*Gukiranuka kw' abera guterwa n' uko Yesu atuye muri bo*

Abakolosai 1:27

Ab' Imana yishimiye kumenyesh' ubutunzi bg'ubgiza bg'ubgo bgiru bgageze mu banyamahanga; ni bgo Kristo uri muri mwe, ni byo byiringiro by'ubgiza.

Abaroma 10:4

Kuko Kristo ari w' amategekw asohoraho, kandi ni w' uhesh' uwizera wese gukiranuka.

# Mbeg' Imbabazi Nyinshi! Mbeg' Urukundo N' Ubuntu Bihebuje!

Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo, ni yo na Se, ishimwe, kuko yatubyay' ubga kabiri, nk'ukw imbabazi zayo nyinshi ziri, kugira ngo tugir' ibyiringiro bizima, tubiheshejwe no kuzuka kwa Yesu Kristo. —1 Petero 1:3

Abaheburayo 4:16

Nuko rero, twegere intebe y'ubuntu tudatinya, kugira ngo tubabarirwe tubon' ubuntu bgo kudutabara mu gihe gikwiriye.

Abefeso 2:4-7

Arikw Imana, kukw ar' umutunzi w'imbabazi, yaduhinduranye bazima na Kristo, kubg'urukundo rwinshi yadukunze, ubgo twari dupfuye tuziz' ibicumuro byacu, (ubuntu ni bgo bgabakijije;) nukw ituzurana na we, itwicaranya na we mw ijuru mu buryo bg'umwuka, turi muri Kristo Yesu, kugira ngo mu bihe bizaz' izerekan' ubutunzi bg'ubuntu bgayo buhebuje byose, itugirira neza muri Kristo Yesu.

Kand' Imana igir' ubuntu bgose, yabahamagariy' ubgiza bgayo buhoraho buri muri Kristo.... —1 Petero 5:10a

Ahubgo batsindishirizwa n'ubuntu bgayo, ibibaherey' ubusa, kubgo gucungurwa kubonerwa muri Yesu Kristo. —Abaroma 3:24

Abaglatia 4:4, 5
Maz' igihe gikwiriye gisohoye, Imana yoherez' Umwana wayo, wabyawe n'umugore, kandi wavuts' atwarwa n'amategeko.

1 Yohana 3:1a
Nimureb' urukundo ruhebuje Data wa twese yadukunze, rwatumye twitw' abana b'Imana.

*Abaragwa b' Imana*

Ibyahishuwe 21:7
Ūnesh' azaragwa byose, nanjye nzab' Imana ye, na w' ab' umwana wanjye.

Abagalatia 4:6, 7
Kandi kuko mur' abana bayo, ni cyo cyatumy' Imana yoherez' Umwuka w'Umwana wayo mu mitima yacu, avug' ati: Abba, Data. Ni cyo gitum' utakiri imbata, ahubg' ur' umwana: kandi rer' ubg' ur' umwana, uri n'umuragwa, ubihawe n'Imana.

Abaroma 8:17
Kand' ubgo tur' abana bayo, turi n'abaragwa; ndetse tur' abaragwa b'Imana, tur' abaraganwa na Kristo, niba tubabarana na we, ngo duhānw' ubgiza na we.

Abagalatia 3:29
Ubgo mur' aba Kristo, mur' urubyaro rw'Aburahamu, muri n'abaragwa nk'uko byasezeranijwe.

Abaroma 8:28, 29

Kandi tuzi yuko ku bakund' Imana byose bifataniriza hamwe kubazanir' ibyiza, ari bo bahamagawe nk'uko yabigambiriye: kukw abo yamenye kera, yabatoranirije kera gushushanywa n'ishusho y'Umwana wayo, kugira ngw ab'imfura muri bene se benshi.

*Jy' ukora nka Kristo*

Lūka 22:27b

Ariko jyewe ndi hagati yanyu, mmeze nk'ūhereza.

*Jy' uba umunyambabazi*

Lūka 23:34a

Yesu aravug' ati: Data, ubababarire, kuko bataz' icyo bakora.

*Jya wiyoroshya kandi witonde*

2 Abakorinto 10:1a

Jyewe Paulo ubganjye ndabinginga kubg'ubugwaneza n'ineza bya Kristo.

*Jy' ugendera mu rukundo rwa Kristo*

Yohana 15:9

Uko Data yankunze, ni ko nanjye nabakunze: nuko rero mugume mu rukundo rwanjye.

*Jy' ukwiza hos' Ubutumwa Bwiza*

Yohana 20:21

Yesu yongera kubabgir' ati: Amahor' abe muri mwe: uko Data yantumye, ni ko nanjye mbatumye.

# IMIBEREHO IGOMBA KUBA IGEZE KU RUGERO RWIZA

1 Abatesalonike 2:12

Kugira ngo mugend' uko bikwiriy' ab'Imana, ari y' ibahamagarira kujya mu bgami bgayo n'ubgiza bgayo.

Umuntu wes' urengaho, ntagume mu byo Kristo yigishije, ntafit' Imana: nah' ūguma mu byo yigishije, ni w' ufite Data wa twese n'Umwana we. —2 Yohana 9

*Kristo azarongora Umugeni udashobora kureshywa ngw' amuveho*

Hahirw' umuntu wihanganir' ibimugerageza, kuko n' amara kwemerwa, azahabg' ikamba ry'ubugingo, iry' Imana yasezeranij' abayikunda. —Yakobo 1:12

Luka 6:47, 48

Umuntu wes' uz' aho ndi, akumv' amagambo yanjye akayakomeza, ndaberek' ukw asa. Dore asa n'umutu wubak' inzu, acukura hasi cyane, akagez' urufatiro ku rutare: nuk' umugezi wuzuy' uhururira kur'iyo nzu, ariko ntiwabasha kuyinyeganyeza, kuko yubatswe ku rutare.

*Kand' afit' inyota yo kureba mu maso he*

Tito 2:13

Dutegerej' ibyiringiro by'umugisha, ni byo kuzaboneka k'ubgiza bga Yesu Kristo, ni we Mana yac' ikomeye n'Umukiza.

Kugira ngo kwizera kwanyu kudahagararira ku bgenge bg'abantu, ahubgo mu mbaraga z'Imana. —1 Abakorinto 2:5

Abefeso 2:8-10; 3:20, 21

Mwakijijwe n'ubuntu kubgo kwizera: ntibyavuye kuri mwe, ahubgo n' impano y'Imana; ntibyavuye no ku mirimo, kugira ngo hatagir' umuntu wirarira; kuko tur' abo yaremye, ituremey, imirimo myiza muri Kristo Yesu, iy' Imana yiteguriye kera, kugira ngo tuyigenderemo. . . . Nukw Ibasha gukor' ibiruta cyan' ibyo dusaba, ndetse n'ibyo twibgira byose, nk'ukw imbaraga zayo ziri, zidukoreramo, icyubahiro kib' icyayo mw Itorero no muri Kristo Yesu, kugez' iteka ryose ry'ibihe bidashira, Amen.

*Azatunganywa kandi yuzurizwe muri we*

Kugez' ubgo twese tuzasohora kugir' ubumwe bgo kwizera no kumeny' Umwana w'Imana, kandi kugez' ubgo tuzasohora kub' abantu bashyitse, bageze ku rugero rushyitse rw'igihagararo cya Kristo. —Abefeso 4:13

Nyamara muri we ni ho hari kūzura k'Ubumana kose mu buryo bg'umubiri. Kandi mwuzuriye muri we, ari we Mutwe w'ubutware bgose n'ubushobozi bgose. —Abakolosai 2:9, 10

*N' iki cyatumye Uw' abamalaika batabarika baramya agotesha umugome waguye urukundo rwe?*

Kand' ubg' izongera kuzan' imfura yayo mw isi, izavug' iti: Abamaraika b'Imana bose bamuramye. —Abaheburayo 1:6

Imigani 8:31b

Kand' ibinezeza byanjye byar' ukubana n'abantu.

Abaroma 12:4, 5

Nk'uko mu mubir' umwe dufit' ingingo nyinshi, kand' ingingo zose zikaba zidafit' umurim' umwe, natwe ni ko turi: kuko turi benshi, nyamara tur' umubir' umwe muri Kristo, umuntu wese n' urugingo rwa mugenzi we.

. . . ni ko namwe mwapfuye ku mategeko kubg'umubiri wa Kristo, kugira ngo mubon' uko mub' ab'undi, ni we wa wundi wazutse, mubone no kwerer' Imana imbuto. —Abaroma 7:4b

*Kuri we ni h' Umugeni aboner' ubugingo*

Ūfit' uwo Mwana ni w' ufit' ubgo bugingo: nah' ūdafit' Umwana w'Imana nta bugingw afite. —1 Yohana 5:12

*Umugeni akundwa urukundo rutagabanije*

Mbes' ubg' itīmany' Umwana wayo, ikamutanga kubgacu twese, izabur' ite kumuduhāna n'ibindi byose? —Abaroma 8:32

*Ubwami bwe abusangiye n' Umugeni*

Ibyahishwe 3:21

Ūnesha, nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe yanjye y'ubgami, nk'uko nanjye nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye.

*Urugo rw' Umwami n' Umugeni*

Abaheburayo 11:16

Ariko noneho barashaka gakondo, irush' icyo gihugu kuba cyiza, ni yo yo mw ijuru. Ni cyo gitum' Imana idakorwa n'isoni zo kwitw' Imana yabo, kuko yabīteguriy' umudugudu.

Ibyahishuwe 3:12a

Ūnesha, nzamugir' inkingi yo mu rusengero rw'Imana yanjye, kandi ntazasohok' ukundi, nanjye nzamwandikahw izina ry'Imana yanjye n'iry'ururembo rw'Imana yanjye, ni rwo Yerusalemu nshya, izamanuk' iva mw ijuru, iturutse ku Mana yanjye . . . .

Ibyahishuwe 21:2

Mbon' ururembo rwera, Yerusalemu nshya, rumanuka ruva mw ijuru ku Mana, rwiteguwe nk'uk' umugen' arimbishirizw' umugabo we.

Ibyahishuwe 22:14

Hahirw' abameser' ibishura byabo, kugira ngo bemererwe kwegera cya giti cy'ubugingo, kandi banyure mu marembo binjire muri rwa rurembo.

Luka 16:11
Niba mutakiranutse mubikijw' ubutunzi bubi, ni nd' uzababits' ubutunzi bg'ukuri?

2 Abakorinto 8:9
Kuko muz' ubuntu bg'Umwami wacu Yesu Kristo, uko yar' umutunzi, maz' agahinduk' umukene kubganyu, kugira ng' ubukene bge bubatungishe.

Yakobo 2:5
Nimwumve, bene Data bakundwa: mbes' Imana ntiyatoranirij' abakene b'iby'isi, ngo bab'ari bo bab' abatunzi mu byo kwizera, baragw' ubgami yasezeranij' abayikunda?

Ibyahishuwe 2:9a
Nz' amakuba yawe n'ubukene bgawe, (ariko rer' ur' umutunzi) . . . .

*Akaga kari mu butunzi bw' iby' isi*

1 Timoteo 6:17-19
Wihanangiriz' abatunzi bo mu by'iki gihe, kugira ngo bē kwibona, cyangwa kwiringir' ubutunzi butar' ubgo kwizigirwa, ahubgo biringir' Imana, iduha byos' itimana, ngo tubinezererwe; kandi bakore ibyiza, bab' abatunzi ku mirimo myiza, bab' abanvabuntu bakunda gutanga, bībīkir' ubutunzi buzab' urufatiro rwiza mu gihe kizaza, kugira ngo babon' uko basingir' ubugingo nyakuri.

Abafilipi 3:21

Uzahindur' uyu mubiri wo gucishwa bugufi kwacu, akawushushanya n'umubiri w'ubgiza bge, kukw afit' imbaraga zo kumubashisha kwigandurira byose.

Abakolosai 1:12, 13

Mushima Data wa twese, waduhaye kuraganwa n'abera umurage wo mu mucyo. Ni we wadukijij' ubutware bg'umwijima, akadukuramo, akatujyana mu bgami bg'Umwana we akunda.

Abefeso 3:6 na 8

Yukw abanyamahang' ar' abaraganwa natwe, kandi bakab' ingingo z'umubir' umwe natwe, abaheshejwe n'ubutumwa bgiza kuzagabana natwe muri Kristo Yesu ibyasezeranijwe. Nubgo noroheje cyane hanyuma y'abera bose, naherew' ubgo buntu kugira ngo mbgiriz' abanyamahanga ubutumwa bgiza bg'ubutunzi bga Kristo butarondoreka.

Abakolosai 3:4

Kand' ubgo Kristo, ari we bugingo bgacu, azerekanwa, namwe muzaherako mwerekananwe na we muri mu bgiza.

Ibyakozwe 20:32

Kandi none mbaragij' Imana n'ijambo ry'ubuntu bgayo ribasha kubūbaka no kubahān' ibiragwa n'abejejwe bose.

Abagushaka bose bakwishimire bakunezererwe, abakund' agakiza kawe bajye bavuga bati, Uwiteka ahimbazwe. —Zaburi 40:16

Mwa bakiranutsi mwe, munezererw' uwiteka, mwishime: mwa bafit' imitim' itunganye mwese mwe, ibyishimo bibatere kuvuz' impundu. —Zaburi 32:11

Mujye mwishimira mu Mwami wac' iminsi yose: yewe, nongeye kubivuga nti, Mwishime!
—Abafilipi 4:4

Nezerwa cyane, wa mukobga w'i Sioni we! rangurura, wa mukobga w'i Yerusalemu we; dor' umwami waw' aj' ah' uri; ni we mukiranutsi, kand' azany' agakiza .... —Zekaria 9:9a

Kuko kubabazwa kwacu kw'igihwayihwayi kw'akanya ka none kwiyongeranya kuturemer' ubgiza bg'iteka ryose bukomeye.
—2 Abakorinto 4:17

Ariko ntimwishimire yukw abadaimoni babumvira, ahubgo mwishimire yukw amazina yanyu yanditswe mw ijuru. —Luka 10:20

Ni bg' abaguhungiraho bazishima, ibyishimo bizabatez' amajwi hejur' iteka, kuk' ubarinda, kand' abakund' izina ryawe bazakwishimira. —Zaburi 5:11

# MBESE, WAKWANG' IMBABAZI ZE ITEKA?

Imigani 8:36
Arik' ūnshumuraho, aba yononny' ubugingo bge; abanyanga bose, bāba bakunz' urupfu.

Abaheburayo 12:25
Mwirinde, mutānga kūmv' Iyo ivuga. Ubgo ba bandi batākize, kuko banze kūmva Iyababuriye iri mw isi, nkanswe twebge, niba duter' umugongw Ituburira iri mw ijuru.

Luka 13:24, 25
Mugir' umwete wo kunyura mw irembo rifunganye: ndababgira yuko benshi bazashaka kurinyuramo, ntibabibashe. Nyir'inzu n' amara guhaguruka, agaking' urugi, namwe mugatangira kurukomangaho muhagaze hanze, muvuga muti: Mwami, dukingurire: azabasubiz' ati: Simbazi, sinzi n'aho muturutse.

*Imbabazi zishobora kugarukira abazigiriy' umujinya, barazanga*

2 Abatesalonike 2:10-12
N'ubuhenzi bgose bgo gukiranirwa ku barimbuka, kuko batemeye gukund' ukuri ngo bakizwe. Ni cyo gitum' Imana izabohererez' ubushukanyi bukomeye cyane, ngo bīzer' ibinyoma: kugira ngw abatizey' iby'ukuri bose, bakishimira gukiranirwa, bacirwehw iteka.

*Umunyabyaha rwimbi, Uciriwehw' iteka*

Yohana 3:18

Ūmwizera ntacirwahw iteka; ūtamwizera amaze kuricirwaho, kukw atizey' izina ry'Umwana w'Imana w'ikinege.

Abaheburayo 10:26, 27a

Niba dukor' ibyaha nkana, tumaze kumeny' ukuri, ntihaba hagisigay' igitambo cy'ibyaha, keretse' gutegerezany' ubgoba gucirwahw iteka . . . .

*Uciriwe urubanza n' Ijambo*

Yohana 12:48

Ūnyanga ntiyemere amagambo yanjye, afit' ūmucirahw iteka: ijambo navuze, ni ryo rizamucirahw iteka ku munsi w'imperuka.

*Uwakunzwe kand' arashakashakwa*

1 Yohana 4:9

Iki ni cyo cyerekany' urukundo rw'Imana muri twe, n' ukw Imana yatumy' Umwana wayo w'ikinege mw isi, kugira ngo tubon' uko tubeshwaho na we.

Ibyahishuwe 22:17

Umwuka n'umugeni barahamagara bati: Ngwino. Kand' ūwumva nahamagare ati: Ngwino. Kand' ūfit' inyota naze; ūshaka, ajyane amazi y'ubugingo ku buntu.

# UWO KUJYA MURI GEHINOMU ABAR' UMUPFU

*N' ubupfu kubabarizwa iteka muri Gehinomu hamwe na Satani mu mwanya war' ushoboye kwibera mu munezero utavugwa ubonerwa muri Kristo, musangiy' intebe y' Ubwami bwo mw' isi ihoraho!*

**Zaburi 53:1a**

**Umupfapf' ajya yibgir' ati, Nta Mana iriho. . . .**

**Luka 11:39, 40**

**Umwami Yesu aramubgir' ati: Mwebg' Abafarisayo mwoz' inyuma y'igikombe n'imbehe, ariko munda yanyu huzuyemw ubgambuzi n'ububi. Mwa bapfu mwe, Iyaremy' inyuma si yo yaremye no munda?**

**Matayo 7:26, 27**

**Kand' umuntu wese wumv' ayo magambo yanjye ntayakomeze, azab'ari nk'umupfapfa wubats' inzu ye ku musenyi; imvur' iragwa, imiv' iratemba, umuyag' urahuha, byose byikubita kur'iyo nzu, iragwa; kandi kugwa kwayo kwabaye kunini.**

**Yeremia 17:11**

**Umuntu wirundanyah' ubutunzi bg'amahugu ni nk'inkwar' ibundikir' amag' itateye. Ubgo butunzi buzamusiga, agabanijemo kabir' iminsi yo kubaho kwe; hanyum' azab' umupfapfa.**

# GEHINOMU N' ICYAVU CY' IMANA AHW' IMYANDA YOSE IRUNDANIRIZWA IKAHATWIKIRWA

*Ni ho abanze Umwami w' ubwiza bose bagomba kujya*

Abaheburayo 6:8

Ariko niba bumeramw amahwa n'ibitovu, buba buhinyutse, bugeze hafi yo kuvumwa, kand' amaherezo yabgo n' ugutwikwa.

Ibyahishuwe 14:11

Umwotsi wo kubabazwa kwabo ucumb' iteka ryose; ntibaruhuka ku manywa na n'ijoro, abaramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo, umuntu wes' ushyirwahw ikimenyetso cy'izina ryayo.

Matayo 13:41-42

Umwana w'umuntu azatum' abamaraika be, baterany' ibintu bigusha byose n'inkozi z'ibibi, babikure mu bgami bge, babajugunye mw itanura ry'umuriro: ni ho bazaririra bakahahekenyer' amenyo.

. . . na none ndababababgira ndira, yukw ar' abanzi b'umusaraba wa Kristo: amaherezo yabo n' ukurimbuka . . . —Abafilipi 3:18b, 19a

*Imana ishaka cyane gukor' ibitangaza byo gutuma tutajya muri Gehinomu, nko kuhatubanziriza, kutuneshereza urupfu rw' iteka no kuzuka kugira ngo tubonere muri we uko kunesha no kubaho.*

# UMWAMI W' ABAMI AZABOHA SATANI AHW' AZASHAKIRA

### Ibyahishuwe 20:1-3

Mbona maraik' amanuk' ava mw ijuru, afit' urufunguzo rufungur i kuzimu, afite n'umunyururu munini mu ntoke ze, Afata cya kiyoka, ni cyo ya nzoka ya kera, ni yo Mwanzi na Satani, akibohera kugira ngo kimar' imyak' igihumbi, akijuguny' i kuzimu, arahakinga, ashyirirahw ikimenyetso gifatanya, kugira ngo kitongera kuyoby' amahanga, kugez' ahw iyo myak' igihumb' izashirira; icyakora, n' ishira, gikwiriye kubohorerwa, kugira ngo kimar; igihe gito.

### Ibyahishuwe 20:7 na 10

Iyo myak' igihumbi n' ishira, Satani azabohorwa, av' aho yar'abohewe. . . . kandi Satani wabayobyag' ajugunywe muri ya nyanja yak' umuriro n'amazuku, irimo ya nyamaswa na wa muhanuzi w'ibinyoma. Bazababazwa ku manywa na n'ijor' iteka ryose.

*Kunesha Satani iteka*

### Abaheburayo 2:14

Nuko rero, nk'ukw abana bahuj' umubiri n'amaraso, ni ko na w' ubge yahuj' ibyo na bo, kugira ng' urupfu rwe aruhinduz' ubus' ūfit' ubutware bg'urupfu, ni we Satani.

Matayo 6:24

Nta ukez' abami babiri; kuko yakwang' umwe agakund' undi, cyangwa yaguma kur'umwe agasuzugur' undi. Ntimubasha gukorer' Imana n'Ubutunzi.

*Mbese ye, Satani niwe ukurikiye ngo ubohanwe nawe, cyangwa se ukurikiye Umwami w' abami kugira ngo ugere mu bwami bwe budashira?*

Ibyakozwe n' Intumwa 26:18

Kugira, ng' ubahumurir' amaso, na bo bahindukire bave mu mwijima bajye mu mucyo, bave no mu butware bga Satani bajye ku Mana, bahereko bababarirw' ibyaha byabo, baraganwe n'abejejwe no kunyizera.

Arikw abanyabgoba, n'abatizera, n'abakor' ibizira, n'abicanyi, n'abasambanyi, n'abarozi, n'abaseng' ibishushanyo, n'abanyabinyoma bose, umugabane wab' uzaba mu nyanja yak' umuriro n'amazuku; ni yo rupfu rwa kabiri. —Ibyahishuwe 21:8

Yohana 8:34-36

Yesu arabasubiz' ati: N'ukuri n'ukuri ndababgira yuk' umuntu wes' ukor' ibyaha ar' imbata y'ibyaha. Imbata ntiba mu rugw iteka, ahubgo mwene nyirarwo ni w' urugumamw iteka. Nuk' Umwana n' ababātūra, muzaba mubātūwe by'ukuri.

# AMAZI Y' UBUGINGO ADUDUBIRIZA KU BIRENGE BYANJYE

Yohana 4:10

Yesu aramuzubiz' ati: Iyaba war'uz' impano y'Imana, ukamenya n'ūgusaby' amazi uw'ari we, naw' ub'umusabye, na w' akaguh' amazi y'ubugingo.

Yohana 7:37

Nuko ku muns' uheruka w'iyo minsi mikuru, ari wo muns' urut' iyindi, Yesu arahagarara avuga cyane ati: Umuntu n' agir' inyota, aze aho ndi anywe.

Anyerek' uruzi rw'amazi y'ubugingo, rubonerana nk'isarabgayi, ruva ku ntebe y'Imana n'Umwana w'Intama, rutembera mu nzira nyabagendwa hagati. Hakurya no hakuno y'urwo ruzi, harihw igiti cy'ubugingo cyer' imbuto z'uburyo cumi na bubiri; cyer' imbuto z'uburyo bumwe bumwe, uk' ukwezi gutashye. Ibibabi byacyo byar' ibyo gukiz' amahanga. Nta muvumo uzabah' ukundi, ahubg' intebe y'Imana n'Umwana w'Intama izaba mur' urwo rurembo, kand' imbata zayo zizayikorera. —Ibyahishuwe 22:1-3

Kuk' Umwna w'Intama uri hagati y'intebe y'ubgami azabaragira, akabuhir' amasoko y'amazi y'ubugingo; kand' Imana izahanagur' amarira yose ku maso yabo.

—Ibyahishuwe 7:17

# UBABAJWE N' UKO UTABUSHYIKIRIYE? UMUSHAKAN' UMUTIMA WOSE!

Matayo 6:33

Ahubgo mubanze mushak' ubgami bg'Imana no gukiranuka kwayo, ni bg' ibyo byose muzabyongerwa.

Gutegeka kwa kabiri 4:29

Ariko nib' uzashakiray' Uwiteka Imana yawe, uzayibona, n' uyishakish' umutima wawe wose n'ubugingo bgawe bgose.

Yesaya 55:6

Nimushak' Uwiteka bigishoboka kw abonwa; nimumwambaz' akiri bugufi.

Hosea 10:12

Mwibibire, mukurikiza gukiranuka; musarure, mukurikiz' imbabazi; murim' imishike yanyu; kukwar' igihe cyo gushak' Uwiteka, kugez'igih' azaza, akabavubira gukiranuka.

Zaburi 86:12

Mwami, Mana yanjye, nzagushimish' umutima wanjye wose; nzahimbaz' izina ryaw' iteka ryose.

Luka 11:9

Nanjye ndababgira nti: Musabe, muzahabga; mushake, muzabona; mukomange ku rugi, muzakingurirwa.

Imigani 8:17

Nkund' abankunda; kand' abanshakan' umwete bazambona.

# 44 IBYO KURYA BYATEGURIW' UBUKWE — IMANA IBONYE UMUGENI!

Ibyahishuwe 21:9b-11a na 22-24a

Ngwino nkwerek' umugeni, umugore w'Umwana w'Intama. Anjyana ku musozi munini kandi muremure ndi mu Mwuka, anyerek' ururembo rwera Yerusalemu, rumanuka ruva mw ijuru ku Mana, rufit, ubgiza bg'Imana. . . . Icyakora, sinabony' urusengero muri rwo, kuk' Umwami Imana ishobora byose n'Umwana w'Intama ari bo rusengero rwarwo. Kand' urwo rurembo ntirigomba kuvirwa n'izuba cyangwa n'ukwezi; kuk' ubgiza bg'Imana ari bgo buruvira, kand' Umwana w'Intama ari we tabaza ryarwo. Amahang' azagendera mu mucyo warwo.

Ibyahishuwe 19:6b-9

Haleluya, kuk' Umwami Imana yac' ishobora byose iri ku ngoma! Tunezerwe twishime, tuyihimbaze. kuk' ubukwe bg'Umwana w'Intama busohoye, umugeni we akaba yiteguye, kand' ahawe kwambar' umwenda w'igitare mwiza, urabagirana, utanduye. Uwo mwenda w'igitare mwiza ni wo mirimo yo gukiranuka y'abera. Arambgir' ati: Andik' uti, Hahirw' abatorew' ubukwe bg'Umwana w'Intama. Kand' ati: Ayo n' amagambo y'ukuri kw'Imana.

*Arayumvira*

. . . ahubgo mwitange, mwih' Imana nk'abazuke . . . .
—Abaroma 6:13b

*Akunda Umukwe*

Ubuntu bg'Imana bubane n'abakund' Umwami wacu Yesu Kristo bose bataryarya. —Abefeso 6:24

*Afitany' ubumwe nawe*

Kuko tur' ingingo z'umubiri we. —Abefeso 5:30

. . . bikomeye cyane, kugira ngo bibatere gufatanya na kamere y'Imana . . . . —2 Petero 1:4b

*Yuzuye urukundo rw' Imana*

Arik' umuntu wese witonder' ijambo rye, urukund' akund' Imana ruba rumaze gutunganirizwa rwose muri we. . . . —1 Yohana 2:5a

*Utagir' inenge*

Uri mwiza bihebuje, mukunzi wanjye; nta neng' ufite.
—Indirimbo 4:7

Ni cyo gituma, bakundwa, ubgo mutegerej' ibyo, mukwiriye kugir' umwete wo kuzasangwa mu mahoro, mutagir' ikizinga, mutarih' umugayo mu maso ye.
—2 Petero 3:14

*Azagirirw' ubuntu busaze*

. . . mwiringire rwos' impano y'ubuntu muzazanirwa, ubgo Yesu Kristo azahishurwa.
—1 Petero 1:13b

# 46 UMWAMI AZARIMBURA AMAREH' UBUGOME MW' ISI YOSE

2 Abatesalonike 2:8

Ni bgo wa mugom' azahishurwa, uw' Umwami Yesu azīcish' umwuk' uva mu kanwa ke, akamutsembesha kuboneka ko kuza kwe.

Zekeria 14:12

Iki ni cyo cyago Uwiteka azatez' amahanga yose yarwanij' i Yerusalemu. Bazashira bahagaze, amaso yab' azashirira mu bihene, kand' indimi zabo zizaborera mu kanwa.

Ibyahishuwe 17:14

Bazarwany' Umwana w'Intama, arik' Umwana w'Intama azabanesha, kukw ari we Mutwar utwar' abatware, n'Umwami w'abami, kand' abari hamwe na we, bahamagawe batoranijwe bakiranutse, na bo bazayinesha.

Ibyahishuwe 18:21

Nuko maraik' ukomey' aterur' igitare, kimeze nk'uruskyo runini, akiroha mu nyanj' ati: Uko ni ko Babuloni umudugud' ukomey' uzatembagazwa, kandi ntuzongera kubonek' ukundi.

1 Abakorinto 15:24

Ni bg' imperuk' izaherakw isohore, ubg' azashyikiriz' Imana ubgami, ni yo Data wa twese, amaze gukurahw ingoma zose n'ubutware bgose n'imbaraga zose.

# UMUKWE N' UMUGENI BAZANEZERANWA BIMANE MW' ISI IMYAKA 1,000

Hahirw' abagwaneza, kukw ari bo bazahabg' isi. —Matayo 5:5

. . . Ubgami bg'isi bubay' ubg'Umwami wacu n'ubga Kristo we, kand' azahora ku ngom' iteka ryose. —Ibyahishuwe 11:15b

Ibyahishuwe 20:4b, 6

Kandi mbon' imyuka y'abaciw' ibihanga, babahora guhamya kwa Yesu n'ijambo ry'Imana, ni bo bataramije ya nyamaswa cyangw' igishushanyo cyayo, kandi batashyizwehw ikimenyetso cyayo. Barazuka bīmana na Kristo imyak' igihumbi. Ūfit' umugabane wo kuzuka kwa mbere arahirwa kandi n' uwera. Urupfu rwa kabiri ntirubasha kugir' icyo rutwar' abameze batyo, ahubgo bazab' abatambyi b'Imana na Kristo, kandi bazīmana na y' iyo myak' igihumbi.

Ibyahishuwe 5:9b, 10

. . . Ni wow' ukwiriye kwend' igitabo no kumen' ibimenyetso bigifatanije, kuko watambge, ugacungurir' Imana abo mu miryango yose no mu ndimi zose no mu moko yose no mu mahanga yose, ubacunguj' amaraso yawe, ukabahindurir' Imana yacu kub' abami n'abatambyi, kandi bazīma mw isi.

*Jye n' Imana tuban' iteka.*
*Mbeg' umunezero!*

Zaburi 145:1

Mana yanjye, Mwami wanjye, ndagushyira hejuru; nzahimbaz' izina ryaw' iteka ryose.

Yohana 17:24a

Data, abo wampaye, ndashaka kw aho ndi na bo bahabana nanjye, ngo babon' ubgiza bganjye wampaye, kuko wankunze . . . .

Ibyahishuwe 21:3b, 4

Dor' ihema ry'Imana riri hamwe n'abantu, kand' izaturana na bo, na bo bazab' abantu bayo, kand' Imana ubgay' izabana na bo, ib' Imana yabo. Izahanagur' amarira yose ku maso yabo, kand' urupfu ntiruzabah' ukundi, kand' umuborogo cyangwa gutaka cyangwa kuribga ntibizabah' ukundi: kukw ibya mbere bishize.

Nta joro rizabah' ukundi, kandi ntibazagomba kumurikirwa n'itabaza cyangwa kuvirwa n'izuba, kuk' Umwami Imana izabavira, kandi bazahora ku ngom' iteka ryose. —Ibyahishuwe 22:5

1 Abatesalonike 4:16c, 17

. . . nukw abapfiriye muri Kristo ni bo bazabanza kuzuka: maze natw' abazaba bakiriho basigaye, duhereko tujyananwe na bo tuzamuwe mu bicu, gusanganirir' Umwami mu kirere. Nuko rero tuzabana n'Umwami iteka ryose.

# KRISTO ARAVUGA, ATI:

"Ūnesha, nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe yanjye y'ubgami, nk'uko nanjye nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye."
—Ibyahishuwe 3:21

Muri Kristo, naremewe Ikomeye cyane
Umuziranenge arampamagara, nanjye nkwiriye kwitaba
KOMEZA UNESHE!

Published in numerous languages as God supplies funds in answer to prayer. If you would like more copies for prayerful distribution, write in English. Specify which language(s) you need and how many booklets.

**World Missionary Press, PO Box 120, New Paris, IN 46553-0120 USA**

Text reprinted from the Bible in Kinyarwanda by permission of the British and Foreign Bible Society, London.

Read booklets online or by App
www.wmp-readonline.org

www.wmpress.org
3-17
535 Kinyarwanda WAI